# Grand Orient yo mu Bufaransa ku batuye isi bose

Le Grand Orient  y' Ubufaransa irahamagalira kandi ikangulira abantu bose batuye isi ibi bikulikira

Tuzi twese ko urukiko mpuzamahanga mpamacyaha rutazabuza na limwe icyaha cya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyoko muntu

Ahubwo ikumva ko gushyirwaho ubucamanza bumwe ku isi yose, aliyo ntambwe ihamye iganisha ku « mibanire myiza » y'abatuye isi, kuko isi ilimo demokarasi ni ishobora gukoresha kandi itandukanyije bidasubirwaho ubu butegetsi butatu bukulikira : Ubutegetsi bw'ubucamanza, ubutegetsi nshingategeko n'ubutegetsi nyubahilizategeko.

Le Grand Orient y' Ubufaransa, irahamagalira ko hahabwa umwanya ubutabera bumwe ku isi ku buryo bugaragara, bwayobora isi mu mitunganyilize yayo, buli kiremwa cyakwibonamo nta rondagitsina lirangwamo kukoibitsina byose byaba bifite uburenganzira bungana.

Le Grand Orient y'Ubufaransa, irahamagalira ko urukiko mpuzamahanga mpanacyaha rwatangira bidatinze :

Hagashyirwaho uburyo rwakwitabazwa bigaragara ko ali urw'isi yose, uburyo rwakwitabazwa na buli kiremwa muntu cyose, kuko ubumuntu buba muli buli  muntu.

Hagashyirwaho ingufu zo gutuma ibyo byaha byose bitarenza igihe cyo guhanirwa hakuweho inzitizi zose zatuma ugikoze adahanwa nubwo yaba yaragikoze kera. Urwo rukiko kandi rukagira ububasha bwo guhana uwakora icyo cyaha uwaliwe wese uli muli kimwe mu bihugu byasinye amategeko arushyiraho i Roma.

Hagakurwaho ubutegetsi nyubahizategeko, alibwo nama y'umutekano y'ibihugu bigize umulyango w'abibumbye, uburyo bwo guhagalika ikulikiranwa ku muntu wakoze icyaha cya jenoside cyangwa se ikindi cyaha cyose cyibasiye inyokomuntu.

Guhamagalira kominote interinasiyonali yose, Leta zunze ubumwe za Amerika, Ubuhindi, Ubushinwa na Isiraheli gusinya ayo mategeko y'i Roma agenga urukikompuzamahanga mpanacyaha.

Bityo isi ikaba ifite amategeko ayigenga, atabara umuntu ntarenganywe n'ubutegetsi bwa za leta !

Ibyo bigatuma umuco wo kudahana ucika, abakora ibyaha bikomeye kurusha ibindi tukaba tuzi ko bazabihanirwa.

Bityo ubutabera bwuzuye niho buzashoboka mu isi

Nibyo bizadufasha ukwibuka inzirakarengane zose kubaho kandi kukubahilizwa.

Bityo kandi bikaba ali ubwa mbere, ukwibuka inzirakarengane zose z'ibyaha byibasiye inyoko muntu kutazongera kuba inshingano zisanzwe gusa, ahubwo kuzaba ukwibuka gufashe icyerekezo nyacyo.

Bikorewe Paris Kuwa  21 Gicurasi 2006

Umuyobozi wa  Grand Orient y'Ubufaransa
Jean-Michel Quillardet Bie